# MENYA UKURI.

## URUKINGO RURIZEWE KU BASHAKANYE, ABAGORE BATWITE NDETSE N'ABAKIBYARA

## IRINDE. RINDA UMURYANGO WAWE. IKINGIZE.

**Gukingirwa ni bumwe mu buryo ushobora gukomeza gukomera no kugira ubuzima bwiza kugirango ukomeze gutunga umuryango wawe. Iyo ukingiwe urinda kandi abana bawe, kuko bituma udashobora kwanduza abo ukunda.**

## INKINGO ZIRIZEWE



**MBERE Y'UKO UGIRA ABANA**



**MU GIHE UTWITE**



**NYUMA YO KUBYARA**



**IYO ABANA BAWE BAKUZE**

## INKINGO

- ZIRIZEWE: Urukingo rwagaragaye ko rwizewe ku bantu babarirwa muri za miriyoni, harimo n'amoko atandukanye, ndetse n'imyaka y'abantu batandukanye. Birashoboka cyane ko wazagira ibibazo bikomeye biterwa na COVID-19 kuruta urukingo.
- RURAKORA: Urukingo rukurinda kubona COVID-19. Urukingo kandi rukurinda kurwara cyane ndetse no gupfa mu gihe warwaye.
- UBUNTU: inkingo ni ubuntu ku bantu bose, hatitawe ku miterere y'aho uva cyangwe nimba ufite indangamuntu cyangwe ubwishingizi bw'ubuvuzi.

NRC-RIM
National Resource Center for Refugees, Immigrants, and Migrants

10 Dec 2021

# INKINGO ZIRIZEWE



## MBERE Y'UKO UGIRA ABANA

inkingo za COVID-19 zirizewe ku bagabo n’abagore bagerageza gusama cyangwa bashaka kubyara ejo hazaza.

Nta kimenyetso cyerekana ko inkingo zituma abagabo cyangwa abagore badashobora kubyara.



## MU GIHE UTWITE

Inkingo za COVID-19 zirizewe kandi zirakenewe cyane ku bagore batwite. Ibihumbi by’abantu batwite bakingiwe neza nta kibazo kuri bo cyangwa ku bana babo.

Abantu batwite barashobora kurwara cyane iyo bafashwe na COVID-19. Bafite kandi ibyago byinshi byo kubyara imburagihe.

Urukingo rwa COVID-19 ni uburyo bwiza bwo kwirinda wowe n'umuryango wawe ingaruka zituruka kuri COVID-19.



## NYUMA YO KUBYARA KWAWE

Inkingo za COVID-19 zirizewe kandi zirakenewe cyane ku bagore bonsa.

Iyo abarezi bafashe urukingo rwa COVID-19, bafasha no kurinda impinja zabo:

- Amashereka arashobora kuba arimwo abasirikare bafasha kurinda abana babo COVID-19.
- Umurezi wakingiwe ntashobora kwanduza umwana wabo muto cyane utarageza igihe cyo gukingirwa.



## IYO ABANA BAWE BAKUZE

Abana n'urubyiruko bakuze bihagije kugirango bakingwe bazaba bafite umutekano nibabona urukingo rwabo.

Urukingo rukingira buri wese, harimwo abana n'urubyiruko kwandura COVID-19. Urukingo kandi rubuza abana n’urubyiruko kuremba iyo barwaye.

Urukingo ntiruzabuza umwana wawe kubyara abana be ejo hazaza. Urukingo rwa COVID-19 **ntiruhindura ubwangavu cyangwa uburumbuke bw'ejo hazaza.**

IRINDE.
RINDA UMURYANGO WAWE.
IKINGIZE.

NRC-RIM
National Resource Center for Refugees, Immigrants, and Migrants

cdc.gov/coronavirus

10 Dec 2021